RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY

Inspiring development

**ITANGAZO**

Dushingiye ku ngamba zafashwe na Leta y'u Rwanda mu rwego rwo gukumira icyorezo cya Koronavirusi, Urwego Ngenzuramikorere (RURA) ruramenyesha Abaturarwanda amabwiriza akurikira ajyanye n'imirimo itandukanye rugenzura:

**Gazi isukika ikomoka kuri peteroli (LPG):**

1. Igiciro cya Gazi mu mujyi wa Kigali ntikigomba kurenga amafaranga 1084 ku kilo (FRW 1084/kg) kuva tariki ya 7 Mata 2020 (kugeza igihe hazatangarizwa impinduka);
2. Abacuruza Gazi bagomba kumanika ibiciro aho bakorera ku buryo bugaragarira abaguzi;
3. Nta wemererwe kuranguza atabifitiye uruhushya rutangwa na RURA;

**Serivisi za Taxi Voitures (Taxicab):**

4. Imodoka yose ikora umwuga wa taxi voiture igomba kuba ifite umuti wabugenewe wo gusukura intoki (hand sanitizer), buri mushoferi ndetse n'umugenzi bazajya bakoresha basukura intoki; ndetse buri mushoferi agomba kwambara agapfukamunwa (face mask);
5. Umugenzi wemerewe kugenda muri taxi voiture agomba kuba agiye gushaka serivisi z'ingenzi nk'uko byemejwe mu mabwiriza ya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe;
6. Umugenzi ushaka gutega taxi voiture arasabwa guhamagara nimero zikurikira: 9191 (Yego cabs) na 1010 (VW taxi);
7. Abashoferi ba taxi voiture bemerewe guhagarara ahantu hose hatabangamye, kugirango birinde guparika muri parikingi zisanzwe aho abantu bahurira ari benshi, kandi bagomba kubahiriza amabwiriza yose yashyizweho na Minisiteri y'Ubuzima cyane cyane gusiga intera ya metero imwe hagati y'abantu babiri.

P.O Box: 7289 Kigali-Rwanda
Phone: +250 252 58 45 62
Fax: +250 252 58 45 63
E-mail: info@rura.rw
Website: www.rura.rw

RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY
Inspiring development

**Ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT):**

8. Abatanga serivisi za Mobile Money ndetse n'abakozi bo muri Service Centres, Network Operation Centre (NOC) n'abagiye kuri terrain bagomba kuba bambaye uturindantoki (gloves) n'udupfukamunwa (face masks) kandi bagasiga byibuze metero imwe hagati yabo n'abakiriya;
9. Abatanga serivisi za Mobile Money (agents) ntibemerewe gukorera mu kazu kamwe cyangwa mu mutaka barenze umwe kandi ntibemerewe guha terefoni umukiriya ngo ashyiremo nomero ye cyangwa kwakira terefoni y'umukiriya;

**Uzarenga kuri aya mabwiriza azabihanirwa.**

**Abaturarwanda muri rusange:**

10. Turabashishikariza kwishyura ibicuruzwa cyangwa serivisi mukoresheje ikoranabuhanga kugira ngo hirindwe guhanahana amafaranga mu ntoki.
11. Buri muntu akomeze kwirinda abatekamutwe bohereza ubutumwa bugamije kwiba amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga.

**Bikorewe I Kigali, 06 Mata 2020**

RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**Patrick NYIRISHEMA**
**Lt Col**
**Umuyobozi Mukuru**

**P.O Box: 7289 Kigali-Rwanda**
**Phone: +250 252 58 45 62**
**Fax: +250 252 58 45 63**
**E-mail: info@rura.rw**
**Website: www.rura.rw**